



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KW'UGUSHYINGO 2022

10 Ukuboza 2022

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UGUSHYINGO 2022

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2022. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 21,7% mu kwezi kw'Ugushyingo 2022 ugereranyije n'Ugushyingo 2021. Ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2022 byari byiyongereyeho 20,1%.

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2022, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 45,4%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 8,8%, n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 13,7%.

Iyo ugereranyije Ugushyingo 2022 n' Ugushyingo 2021, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 14,7%.

Iyo ugereranyije Ugushyingo 2022 n'Ukwakira 2022, ibiciro byiyongereyeho 0,8%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,3% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 4,4%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2022, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 42,9% ugereranyije n' Ugushyingo 2021. Ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2022 byari byiyongereyeho 39,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ugushyingo, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 73,3% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 19,3%.

Iyo ugereranyije Ugushyingo 2022 n'Ukwakira 2022 ibiciro byiyongereyeho 1,5%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,3%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2022 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 33,8% ugereranyije n'Ugushyingo 2021. Mu kwezi kw'Ukwakira 2022 ibiciro byari byiyongereyeho 31%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ugushyingo 2022, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 64,5% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 14,6%.

Iyo ugereranyije Ugushyingo 2022 n'Ukwakira 2022 ibiciro byiyongereyeho 1,3%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,3%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2021 kugeza m'Ugushyingo 2022.

	Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2021 kugeza m'Ugushyingo 2022												
	2021		2022										
	11	12	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10	11
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	1,0	1,9	4,3	5,8	7,5	9,9	12,6	13,7	15,6	15,9	17,6	20,1	21,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	-6,4	-4,7	-0,8	3,1	4,3	11,0	16,4	17,9	22,5	23,6	28,5	39,2	42,9
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	-3,4	-2,0	1,3	4,2	5,6	10,5	14,8	16,1	19,6	20,4	23,9	31,0	33,8
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	-0,5	0,0	2,1	1,8	3,1	2,4	1,9	0,8	1,7	0,5	2,1	2,7	0,8
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	-1,1	0,1	2,9	4,5	2,6	4,7	2,3	1,5	3,5	1,6	3,8	7,6	1,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	-0,9	0,1	2,5	3,3	2,8	3,7	2,1	1,2	2,7	1,1	3,1	5,6	1,3

Isoko: Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw